



**REPUBLIKA Y'U RWANDA / REPUBLIC OF RWANDA  
MINISITERI Y'UBUZIMA / MINISTRY OF HEALTH**

**Amakuru Mashya kuri Koronavirusi COVID-19 / Update on COVID-19 Coronavirus**

15 Werurwe 2020 — Uyu muni hagaragaye abandi bantu bane barwaye Koronavirusi, ibi bikaba byatumye umubare w'abarwaye Koronavirusi mu Rwanda ugera kuri batanu (5).

- Umunyarwanda ufite imyaka 34 wageze mu Rwanda ku itariki ya 6 Werurwe 2020 aturutse mu gihugu cya Sudani y'Amajyepfo.
- Umuvandimwe we ufite imyaka 36 wageze mu Rwanda ku itariki ya 8 Werurwe 2020 aturutse mu birwa bya Fiji anyuze muri Amerika na Qatar.
- Umugabo w'Umunyarwanda ufite imyaka 30 udaherutse kugirira ingendo mu mahanga.
- Umusore w'imyaka 22 ufite ubwenegihugu bwa Uganda wageze mu Rwanda ku itariki ya 15 Werurwe 2020 aturutse i Londres mu Bwongereza.

Abo barwayi bose bari kuvurirwa ahantu habugenewe. Hanashakishijwe abantu bose bahuye nabo kugira ngo nabo basuzumwe ndetse bitabweho n'inzego z'ubuzima.

Abaturarwanda bose bagomba gukomeza gukurikiza amabwiriza atangwa n'ubuyobozi bw'urwego rw'ubuzima, cyane cyane gukaraba intoki igihe cyose, kutajya ahantu hahurira abantu benshi, no kumenyesha inzego zibishinzwe igihe ibimenyetso by'iyo ndwara byagaragaye hakoreshejwe umurongo wa telefone utishyurwa 114, cyangwa bakabimenyesha umujyanama w'ubuzima.

\*\*\*

15 March 2020 — Four additional coronavirus cases were identified through positive tests today, bringing the confirmed total to five.

- A 34-year-old Rwandan man who arrived from South Sudan on 6 March 2020.
- His brother, a 36-year-old Rwandan who arrived from Fiji via USA and Qatar on 8 March 2020.
- A 30-year-old Rwandan man in Kigali with no recent travel history.
- A 22-year-old man with Ugandan nationality who arrived in Rwanda from London on 15 March 2020.

All patients are currently under treatment in stable condition, isolated from other patients. The tracing of all contacts has been conducted for further management.

All residents of Rwanda should continue to observe all instructions from health authorities, particularly by washing hands regularly, avoiding large gatherings, and reporting any symptoms by calling the toll-free number 114 or contacting a medical professional.



**MINISITERI Y'UBUZIMA / MINISTRY OF HEALTH**

[www.moh.gov.rw](http://www.moh.gov.rw)